fun at, to poke - gucyocyora	get up (from bed, ground), to - kubyuka
fur - ubwoya	get up quickly (from bed, seat), to - kubaduka
furthermore - kandi, byongeye kandi	help someone get up, to - kubyutsa
fuss, to - kwitonganya	ghost, ancestral - umuzimu
future - ibihe bizaza	giant - igihangange
	gift - impano, impongano
	gift to superior - ituro
	girl - umukobwa, inkumi (teen-age)
	give, to - guha, kugaba, gutanga
	give birth to, to - kubyara
	give completely, to - kwegurira
	give oneself wholly to, to - kwibanda ku, kwiye gurira
	give up, to - kwigomwa, guhara (something loved), gutezuka
	given, to be - guhabwa
	giving (an offering) - imitangire
	glad, to be - kunezerwa, kwishima
	gladness - ibyishimo, ishimwe
	glance at, to - gutera imboni
	glass - ikirahuri
	glasses (eye) - amataratara, amadarubindi, indorerwamo
	gleam, to - kubengerana
	glimpse, to have - kurabukwa

G

gain - inyungu

gain, to - kunguka

game - igikino, umukino
wild game - inyamaswa

garden - umurima, ubusitani

gardener - umuhinzi

garment - umwambaro, umwenda

gate - irembo

gather, to - gusoroma
gather together, to - (int.) guterana,
gukorana; (tr.) guteranya, gukoranya
gather firewood, to - gusenya, gutashya

gathering - iteraniro, ikoraniro

gaze at, to - kurangamira

glory - ubwiza

glutton - igisambo

go, to - kujya (with word of place)
 kugenda (with no word of place)
 go ahead, to - kwicuma
 go back, to - gusubira
 go by oneself, to - kwigendera
 go down hill, to - kumanuka
 go from place to place, to - kujarajara
 go home, to - gutaha
 go on further, to - kurombereza
 go out against, to - guhurura
 go out (fire), to - kuzima
 go outside, to - gusohoka
 go to bed, to - kuryama
 go to find, to - gusanga
 go to meet, to - gusanganira
 go toward, to - kugana
 go up hill, to - kuzamuka
 go with, to - kugendana, kujyana
 come on, let's go - hogi, nimuhogi tugende

goat - ihene

goat manure - amahurunguru

goat milk - amahenehene

God - Imana

goings and comings - urujya n'uruza

gold - izahabu

good - -iza, neza (mwiza, cyiza, etc.)

good-afternoon - mwiriwe, mwiriweho,
 wiriwe

good-bye - muririrwe, muririrweho
 (don't expect to see again soon) -
 murabeho
 say goodbye, to - gusezerana

good-morning - mwaramutseho

good-night - muraramukeho

Gospel - Ubutumwa Bwiza

gossip - amazimwe, inzimuzi

gouge out (eye, etc.), to - kunogora

gourd - igicuma

govern, to - gutegeka, kugenga

government - Leta, ubutegets

grab, to - gusumira
 grab unexpectedly, to - kugwa gitumo

grace - ubuntu

grain, head of (Kaffir corn, etc.) - ihundo

grandchild - umwuzukuru

grandfather - sogokuru, sekuru

grandmother - nyogokuru, nyirakuru

grant - imfashanyo

grant, to - kwemera

grapes - umuzabibu

grasp, to - gufata

grass - ubwatsi, icyatsi

grass ring used to carry load - ingata

grave - imva

gravel - umucanga, umusenyi

great - -kuru (mukuru, gikuru, etc.)

great-grandfather - sogokuruza, sokuruza,
 sekuruza

great-grandmother - nyogokuruza,
 nyokuruza, nyirakuruza

green - (fresh) - bisi; (unripe) - -toto
 green color - bisa n'ibyatsi bibisi

green, to be - gutoha
 green beans - imiteja
 greens - imboga, uruboga
 greet, to - kuramutsa, gutaha, gutashya
 exchange greetings, to - kuramukanya
 greet (at beginning of letter), to -
 gusuhuza
 greetings - intashyo, hobe (hello)
 grief - umubabaro, agahinda
 cause grief, to - kubabaza
 grieve, to - kuganya, kubabara
 grind, to - gusya, (in mortar) gusekura
 grinding stone - urusyo
 groan, to - kuganya
 ground - hasi, ubutaka
 ground, to be - gusebwa
 ground nut - ikinyobwa, akabemba
 group - agatsiko, inteko, umutwe
 group (for work assignment) - icyiciro
 group, to - kubangikanya, gukomatanya
 grow, to - kukura
 grow up, to - kwaruka
 grow luxuriously, to - gusagamba
 grudge - inzika, umujinya
 guard (by door of important person) -
 umukumirizi
 guard, to - kurinda
 guard, to be on - kuba maso
 guard yourself from, to - kwirinda
 guess, to - gufora

guest - umushyitsi
 guest room - icumbi
 guide - umuyobozi
 guide, to - kuyobora
 gym, to do - kwiyerekaka

H

habit - ingeso, umugenzo
 hail - urubura
 hair (of human head) - umusatsi
 (of any but human head) - ubwoya
 half - igice kimwe cya kabiri, inusu (Sw.)
 half-filled, to be - gucāgata
 half-dead - intere
 hammer - inyundo
 hammock - ingobyi
 hand - ikiganza
 palm of hand - urushyi (pl. amashyi)
 shake hands, to - gukora mu ntoki
 hand over, to - gushyīra
 handle of cup, pail - umukōndo
 handsome person - umunyaburanga bwiza,
 uw'igikundiro
 handsomeness - uburanga
 hang, to (int.) - kunagana
 hang up, to - kumanika
 happen unexpectedly, to - gutungura
 happened, what - ibyabaye
 happiness - umunezero

happy, to be - kunezerwa, kwishima happy, to make - kunezeza, kunezereza	heal (int.), to - gukira healed, to be - gukizwa
harbinger - amendeze	health - ubuzima in good health - -taraga (adj.)
hard, to be - gukomera hard of heart, to be - kunangirwa hard to untie, to be - kunangirwa harden heart, to - kwinangira umutima no hard feelings - nta mpfane	healthy - -zima (muzima, kizima, etc.)
harm, to - guhangara (as in "nothing can harm us")	heap - ikirundo heap, to - kurunda
harshness - umwaga harsh person - umunyamwaga	hear, to - kumva heart - umutima
harvest - umwero, isarura, imyaka (crops)	heat - ubushyuhu heat, to - gushyushya
harvest, to - gusarura harvest millet, to - kugesa	heathen - umupagani heaven - ijuru
haste - ubwira	heavy, to be - kuremera heavy-laden, to be - kuremerwa
hasty manner, in a - ku buryo bukataje	hedge - uruzitiro hedge, to plant - kuzitira
hat - ingofero	heel - agatsintsino
hate, to - kwanga	height - ubuhagarike, uburebure
have, to - -fite, kugira have to, to - -kwiriye have... thanks to, to - gukesha e.g. Nkesha Imana agakiza - I have salvation, thanks to God	hello - muraho, mwaramutseho, mwiriweho, hobe
haze - igihu	help, to - gufasha help willingly, to - gutabara go to help, to - kugoboka
he - we, a- (verb prefix)	help, unexpected - ingoboka
head - umutwe head of grain (esp. Kaffir corn) - ihundo head of grain (immature) - umugengararo head (of something dead) - igihanga	hem in, to - kugota her - we, cye, bye, etc.
head up, to (as, cabbage) - kubumba (as grain) - kugengarara	herd - ishya, ubushyo (pigs only) - umugana
heal, to - gukiza (tr.), kuvura (tr.)	

herd, to - kuragira	hoe handle - umuhini
herdsman - umushumba	hold, to - gufata
here - hano, ino, aha	hold (someone), to - gutangira
here is - dore	hold out hands, to - gutega amashyi
here and there - hamwe na hamwe	hole - umwobo
hereditary trait - akarande	large hole in ground - icyobo, urwina
hesitate, to - gutindaganya, kugingimiranya	hole in cloth, pot, object - umwenge
hide, to - guhisha (tr.); gupfurika (int.)	small hole - intoboro
hide from sight, to - gukingiriza (tr.)	hole, to get (as pot) - gupfumuka
high - -re-re (muremure, ndende, etc.)	hole, to make - gupfumura
on high - hejuru	holiness - kwezwa
higher up - haruguru	holy, to be - kwera, kwegurirwa Imana
a high place - ahirengeye	holy, to make - kweza
hill - umusozi	holy (adj.) - ziranenge
hinder, to - gukoma	Holy Spirit - Umwuka Wera, Mwuka Muziranenge
hinder from seeing, to - gukingiriza	home, at - i muhira, i wanjye, i wabo, etc. at the home of - kwa
hinder progress, to - kudindiza	home, to go - gutaha
hinder from getting, to - kuvutsa	homosexual acts, to commit - gutinga
hindrance - inkomyi	honey - ubuki
Hindu - Umuhindi	honor - icyubahiro, ishema
hippopotamus - imvubu	honor, to - kubaha, gusingiza, kuramya
hired person - umucanshuro	hope - ibyiringiro
his - we, cye, rwe, etc.	hope, to - kwiringira
history - inkuru, histwari	horizontal, to be - gutambika
hit, to - kukubita	horizontal position - ubutambike
hither and yon - hirya no hino	horn (of animal) - ihembe
hoe - isuka	horse - ifarashi
hoe, to - guhinga	hospital - ibitaro, ivuriro
hoe, worn out - ifuni	hot, to be - gushyuha

hour - isaha	I
house - inzu	I - jye, jyewe, jyeweho I alone - jyenyine
how (manner) - uko, uburyo, ukuntu (in question) - -te? (ate? bite? etc.)	ice - urubura, amazi akonje cyane
how do you do? - muraho	idea - igitekerezo
how many? - -ngahe? (bangahe, bingahe, etc.)	idiom - inshoberamahanga
how often? - kangahe?	idleness - ubudeshyi
however - ariko, ahubwo, ibiri amambu, icyakora	idol - ikigirwamana
howl, to - kuboroga	if - ni, niba, yuko
hug - umuhoberano	ignorance, to come out of - kujijuka ignorance, to bring out of - kujijura
hundred - ijana	ignorant of, to be - kuyoberwa, kujijwa
hunger - inzara	ignorant person - injiji
hungry, to be - gusonza, kugira inzara	ignore someone, to - kurangār ana
hunt (game), to - guhiga hunt for, to - gushaka, gushakashaka	ill, to be - kurwara very ill, to be - kuremba
hurry, to - kwihuta, kubanguka, gutebuka, gukataza hurry, to be in a - kugira ubwira	illness - indwara
hurt, to - kubabara (int.), kubabaza (tr.) hurt, to be - kubabara, kubabazwa	image - igishushanyo
husband - umugabo	imitate, to - kwigana
husk, to - gutonora	immediately - nonaha, ubu ngubu to immediately - guherako ... e.g. aherako agenda - he immediately went
hut (temporary) - ingando	impartial, to be - kutabera
hymn - indirimbo	impartial person - intabera
hypocrisy - uburyarya	importance - amatwara
hypocrite, to be - kuryarya	important - -nkuru (mukuru), ingenzi, imena
hypocritically, to act - kuryarya	important, to be - gukomera
	improved (physically), to be - koroherwa

in, into - mu, muri	ink - vino
incapable person - umuswa	innocent - umwere
inception - inkomoko	insect - igisimba little insects that supposedly make honey - ubuhura
incipience - amendeze	inside - imbere
incite to do something, or act, to - kubwiriza	instead - mu cyimbo, mu kigwi
income - inyungu	instruct, to - kujijura, kwigisha
incorporation - ubuzima-gatozi	insult - igitutsi
increase, to - kunguka (of animals) - kororoka (int.), gutubura (tr.)	insult, to - gutuka
inculcate, to - kwitoza	intelligence - ubwenge
independence - ubwigenge	intelligent, to be - guhuguka
independent, to be - kwigenga	intemperance - ivutu
indeed - ndetse, koko	intention - imigambi
Indian - Umuhindi	intentionally - ikigize cya nkana, bigirankana, nkana
infant - uruhinja	interest - umwete
inferior to - hanyuma ya	interim person - agateganyo
infinitive - imbundo	interior - indiri
infirm person - ikimuga	interminable - urudaca
influence, to - kureshya	interpret, to - gusobanura ask to interpret, to - gusobanuza
inform, to - guhugura, kumenyesha send to inform, to - kurarika informed, to be - kwihugura, kujijuka	interrogation, word of - mbese, ese, se
inhabit, to - gutura	interrupt, to - kurogoya
inherit, to - kuragwa, kugira umunani	interrupter - kirogoya
inheritance - umwandu leave inheritance, to - kuraga	intimidate by, to - gukangisha
injection - urushinge	into - mu, muri
injured, to be - gukomereka	introduce something new, to - guhanga

invalid - ikimuga, ikirema

invent, to - guhanga, guhimba (esp. poem, story)

invite, to - kurarika, gutumira

iron - icyuma

iron to iron clothes - ipasi, iferu

iron clothes, to - gutera ipasi

irritate, to - kurya

irritation - ishavu

is - -ri, ni

is not - si

Isn't it?, Isn't that so? - si byo?

island - ikirwa

itch (scabies) - ubuheri

itch, to - kuryaryata

itself - ubwayo, ukwayo, etc.

J

jacket - ikoti

January - Mutarama, ukwezi kwa mbere

jealous, to be (momentarily) - -fite ishyari

jealous, to be (as in characteristic or in past)
- kugira ishyari

jealousy - ishyari

jest, to - gucyocyora

Jesus - Yesu, Yezu

jigger - ivunja

job - akazi

join, to - gufatanya, kunga

joke, to - gushyenga, guteta

jokes - amashyengo

journal - ikinyamateka, akabarankuru

journey - urugendo

joy - umunezero, ibyishimo, ishimwe
cry (shout) of joy - impundu
great joy - ubwuzu

judge - umucamanza, umunyarukiko

judge, to - gucira urubanza

judgment - urubanza

jug - umudomo

July - Nyakanga, ukwezi kwa karindwi

jump, to - gusimbuka

June - Kamena, ukwezi kwa gatandatu,
impeshyi

jungle - ishyamba

just, to be - gukiranuka, kutabera

just, to (to just. . .) - gupfa ku

just as - nka, nk'uko

just person - intabera

justice - ubukiranutsi

justice to one who has been treated unjustly,
to give - kurenganura

K

Kaffir corn - ishaka (amasaka)

keep, to - kugumana

keep (as money), to - kuzigama

keep (law, command), to - kwitondera

keep on, to - gukomeza

kettle - ibirika
 big kettle - ibinika
 key - urufunguzo
 kick (in womb, baby), to - gufunyanga
 kill, to - kwica, guhemura
 kilogram - ikikiro
 kind (species) - ubwoko
 kind (gentle) person - umugwaneza
 kindle, to - gucana
 kindness - ubugwaneza
 king - umwami
 kingdom - ubwami
 kingly - icyami
 kiss, to - gusoma
 kiss repeatedly, to - gusomagura
 kitchen - igikoni
 knead (bread), to - gufunyanga, gukora
 umugati
 knee - ivi
 kneel, to - gupfukama
 knife - imbugita, icyuma
 knit, to - kuboha
 knock, to - gukomanga
 knock down, to - guhondagura
 knock down with, to - kuvuza
 knot - ipfundo
 make a knot, to - gupfundika
 tie knots, to - gupfundikanya
 know, to - kumenya, -zi
 not know, to - kuyoberwa, kujijwa

know oneself, to - kwiyizi
 knowledge - ubwenge, ubumenyi
 knowledgeable, to be - kujijuka
 known, to become - kumenyekana, kwamamara
 make known, to - kwamamaza, kogeza,
 kuranga
 kraal - urugo

L

labor pains, to have - kuramukwa
 lack, to - kubura, kugomba
 ladder - urwego
 lady, young (unmarried)- inkumi
 lake - ikiyaga, inyanja
 lamp - itara, itabaza
 lampstand - igitereko
 land - ikibanza, imusozi, isambu
 language - ururimi
 lap, to take on - gukikira
 large - -nini
 last - iheruka, imperuka
 last, to be - guheruka
 have or make come last, to - guherutsa
 last long, to - kuramba
 late, to be - gukererwa, gutinda, gutindaganga
 it's late (in day) - burije
 get late (in day), to - kwira
 make late, to - gukerereza
 later - ubwanyuma, hanyuma
 later on - hatinze, bitinze, hatoya

laugh, to - guseka	left-over bits - ubuvungukira
launderer - umumeshi	leg - ukuguru
law - itegeko	lemon - indimu
lay (tr.), to - kurambika	lend, to - gutiza (actual article to be returned)
layman - umurayiki	kuguriza, kugurana (article to be replaced)
laziness - ubunebwe, ubudeshyi, ubute	kuguza (esp. money)
lazy, to be - kunebwa, kugarama, kugira ubute	length - uburebure, ubutambike, umurambararo
lead, to - kuyobora, kurōngōra	leopard - ingwe
lead (esp. animals), to - gushorera	leper - umubembe
lead home, to - gucyura	leprosy - ibibembe
lead by the hand, to - kurandata	lesson - icyigisho, isomo
leader - umuyobozi	let - henga, reka, ngaho (also, subjunctive mood)
leaf - ikibabi	letter - urwandiko (epistle), ibaruwa
leak, to - kuva	letter (of alphabet) - inyuguti
lean against, to - kubyiga, kwegeka (person leans) - kwegamira	liberty - umudendezo
learn, to - kwiga, kwihugura	lid - umutemeri, igipfundikizo
least - uwa nyuma	lie - ikinyoma
at least - byibura, nibura	lie, to - kubeshya, kuriganya
leave, to - gusiga, kureka, kugenda	lie about, to - kubeshyera
leave alone, to - kwihorera	lie down, to - kuryama, kurambarara
leave a place, to - gukuka	lie on pillow, to - kwisegura
leave gradually, to - gutezuka	life - ubugingo, ubuzima, imibereho
leave home, to - kuraruka	lift, to - guterura
leave mate (temporarily), to - kwahukana	lift up, to - kubyutsa
leave of, to take - gusezera	light - umucyo
leave off, to - kureka	light of the moon - umwezi
leave shore (in boat), to - komoka	light (weight), to be - guhuhwa
leaven - umusemburo	
leaven, to - gusembura	
left - i bumoso	
left, to be - gusigara	

light weight (though voluminous) -
igihwayihwayi

light (kindle), to - gucana, gukongeza

light of, to make - guteta

lightening - umurabyo

like - nka, bene, nk'uko

like that - gutyo (dutyo, batyo, etc.)

like this - gutya (dutyu, batya, etc.)

like, to - gukunda

like, to be - gusa, kumera

likeness - ishusho

lime - ingwa

line - umurongo, umusitari

lion - intare

lip - umunwa

list of things - gahunda, urukurikirane

listen , to - gutega amatwi

(in sense of eavesdrop) - kumviriza

little - -to, -toya (muto, bitoya, etc.)

little by little - buhoro-buhoro

live, to - kubaho, kuba

live alone, to - kwibana

live in certain place, to - gutura

live long, to - kuramba

live for God, to - kwiyegurira Imana,
gukorera Imana mu mibereho yacu
yose, kwiberaho gukorera Imana

liver - umwijima

load - umutwaro

load, to put down - gutura

load, to - gupakira

loan - amaguzanya

loan, to - kuguza

locality - umuhana

lock, to - gukinga

locust - uruyige

lodging, to give- gucumbikira

lodging, to leave- gucumbukura

lodging place - icumbi

log - umugogo

loiter, to - gusodoka

lonesome for, to be - gukumbura

lonesomeness - urukumbuzi

long - -re-re (muremure, kirekire, etc.)

long ago - kera (also, future)

long (extended), to be - kurambura

e.g. amagambo arambuye - lengthy
speech

long for, to - kwifuza

look, to - kureba

look! - dore

look about on all aides, to -

kuraranganyamo amaso, gukebaguza

look at intently, to - kwitekereza,

gutumbira

look at, leaning over to see, to -

kurunguruka

look everywhere, to - kurebareba

look for, to - gushaka

look up, to - kurarama

loosed, to be - guhambuka

loquat - umudigaferi

lord - umwami

lose, to - gutakaza, kubura, guta
 lose one's mind, to - gusara
 lose one's way, to - kuyoba, kuzimira
 cause to lose, to - kuvutsa

lost, to be - kuzimira, guhaba

lost, to be eternally - kurimbuka

lots, to cast - gufinda

loud voice - ijwi rirenga

louse - inda

love - urukundo

love, to - gukunda
 pretend to love, to - gukunda urumamo
 stop loving, to - kuzinukwa
 love one spouse over others, to -
 gukundwakaza

low - -gufi (kigufi, ngufi, etc.)

lower, to - kumanura

lower down - hepfo

luck, bad - ishyano, umwaku

lust - irari

lust (strong), to - guheheta

luxury, to have (live in) - kudamarara

M

machete - umupanga

mad, to be (sense of crazy) - gusara

maggot - urunyo

maize - ikigori

majesty - ishema

majority - nyamwinshi

majority vote - amajwi nyamwinshi

make, to - gukora, kugira
 make bricks, to - kubumba
 make fun of, to - gusebya

malaria - ubuganga

male - igitsina-gabo

man - umugabo (married)
 of middle age, robust - igikwerere

manioc - umwumbati

manner - uburyo

manners, person of good - imfura (impfura)

manure - amase
 manure heap - icukiro

many - -inshi (benshi, byinshi, etc.)
 how many? - -ngahe
 how many times? - kangahe

March - Werurwe, ukwezi kwa gatatu

market - isoko, iguriro

marriage - ubukwe, gushyingiranwa

marriage, to give in - gushyingira

marrow - igihaza

marry, to - gushyingirwa, kurongora,
 gushakana
 marry brother's widow, to - guhungura
 marry woman who has left husband, to -
 gucyura umugore

marsh - igishanga

marvelous!, that's - ni ishyano

mash, to - gucucuma

mason - umufundi

master (my) - databuja (your) - shobuja (his, her, their) - shebuja	member of church - umunyetorero
mat - ikirago small mat - umusāmbi woven grass mat - ikidasesa	member of council - umujyanama
matches, box of - ikibiriti	mercenary - umucanshuro
mate (of pair of things) - mugenzi	mercy - imbabazi
mature (person), to be - gusesa akanguhe	merely - -sa (bisa, basa, etc.)
maturity - umwero (esp. of harvest), ubuhame	message - ubutumwa
May - Gicurasi, ukwezi kwa gatanu	metal - icyuma
me - jye, jyewe, jyeweho	method - uburyo, ukuntu
meal - ifunguro	middle, midst - hagati in middle of lake - imuhengeri
meal, to have - gufungura	middle age (30-50) - ubukwerere, imikwerere
means (of doing something) - ukuntu	midnight - igicuku
measure - inshuro, urugero	might (strength) - ukuboko
measure, to - gupima, kugera	mildew - uruhumbu
measureless - birenze urugero, kutagira ingano	milk - amata breast milk - amashereka clabbered milk - ikivuguto milk of goat - amahenehene
meat - inyama	milk, to - gukama
medicine - umuti	milk pot - inkongora
meditate, to - kuzirikana	millet - ururo, uburo
meet, to - guhura, guterana, gukorana meet, to go to - gusanganira	million - agahumbagiza, miliyoni
meeting - iteraniro meeting place - ihuriro in a meeting - mu ruhame	mind, to lose one's - gusara
melt, to - (as butter) - kuyaga (as sugar) - gushonga cause to melt, to - kuyaza	mine - -anjye (uwanjye, ibyanjye, etc.)
	minute - idakika, iminota just a minute - henga, reka
	minute (tiny) - -zinya (kanzinya)
	miracle - igitangaza

mirror - indorerwamo	June - Kamena
miscalculate, to - gucikwa	July - Nyakanga
misery - ubutindi	August - Kanama
misfortune - akaga, amakuba	September - Nzeli
miss, to (absent) - gusiba	October - Ukwakira
miss someone, to - gukumbura	November - Ugushingo
Miss - Madamuzera	December - Ukuboza
mistake - ifuti	moon - ukwezi
mistake, to make - gufudika, gucikwa	light of moon - umwezi
mistaken, to be - kuyoberwa	more, to do - kurushaho, kurushiriza
mistrust, to - gukenga, kwishisha	more than, to be - gusāga
mix, to - kuvanga	more, what's - byongeye kandi
mixture (e.g. medicine, shoe polish, etc.) - umuti	moreover - kandi, ndetse, byongeye kandi
moan, to - kuganya	morning - igitondo
mock, to - gushinyagura, gusebya	mosquito - umubu
mockery - agashinyaguro	mosquito netting - agatimba
moisten, to - kubobera	mostly - cyane cyane
mold - uruhumbu	mother (my) - mama, umukecuru wanjye
mold bricks or clay, to - kubumba	(your) - nyoko, umukecuru wawe, wanyu
moment, brief - akanya	(his, her, their) - nyina
Monday - ku wa mbere	mother-in-law (my, our) - mabukwe
money - amafaranga, ifeza, impiya, inota	(your) - nyokobukwe
monkey (small gray) - inkende	(his, her, their) - nyirabukwe
month - ukwezi	motorcycle - ipikipiki
January - Mutarama	mountain - umusozi
February - Gashyantare	mountain (high) - ikirunga
March - Werurwe	mountain top - impinga
April - Mata	mouse - imbeba
May - Gicurasi	mouth (inside) - akanwa
	mouth, to open - kwasama
	move (int.), to - kujegajega, kwinyagambura
	move, to (dwelling) - kwimuka
	move about, to - gutembera
	move aside, to (to permit passage) -

kuberereka, kubisa	narrow, to be - gufungana
move on farther, to - kwicuma	nation - ishyanga (amahanga)
move to one side, down, to (tr.) - gutsura	national (person) - umwene gihugu
Mr. - Bwana	native - kavukire
Mrs. - Madamu	nature - kavukire, kamere, imiterere
much - cyane, -inshi (byinshi, etc.)	nausea - iseseme
much, to be too - gukabya	navel - umukōndo
mud - urwondo, ibyondo, uburongo	near - hafi, bugufi, (with object) hafi ya
multiply, to - kugwiza (tr.), gukuba (tr.),	nearby - hafi, bugufi
kugwira (int.)	nearly - hafi
of animals (int.) - kororoka,	necessary, to be - gukwira
gutubura (tr.)	e.g. it's necessary - birakwiriye
murderer - umwicanyi	neck - ijosi
murmur, to - kwivovota, kwijujuta	need - ubukene
(discontent)	need, urgent - inkeke
music - imuzike, umuziki	need, to - kugomba
must - -kwiriye, kugomba	needle - urushinge
my - -anjye (wanjye, byanjye, etc.)	needy, to be - gukena
myself - ubwanjye, jyenyine	neglect, to - kwirengagiza, kurangārana (esp.
mystery - ubwiru, urujijo	person)
	I neglected to do it - byanciyeho
N	negligence - uburangazi
nail - umusomari, umusumari	neighbor - umuturanyi, umuturage
nail, to - gushimangira	neighborhood - umuhana, igiturage
naked - gusa, ubusa	nephew (son of man's sister) - umwishywa,
naked, to go - kugenda gusa	umusengeneza; (son of man's brother) -
naked, to be - kwambara ubusa	umuhungu wacu (wanyu, etc.)
name - izina	nest - icyari
name, to - kwita	nest, to make - kwarika
narrative - igitekerezo	

net, fishing - urushundura	no one - nta we
netting (mosquito) - agatimba	north - mu majyaruguru
never - ntabwo	nose - izuru
never, to have - kwigera (in negative) e.g. sinigeze mbona - I've never seen	nostril - izuru
nevertheless - nyamara	not - nta, si
new - -shya (gishya, rushya, etc.) new, something - inzaduka	not at all - na gato, haba na gato, haba na busa, namba
news - inkuru, amakuru	not in the least - na hato
newspaper - ikinyamateka, akabarankuru	nothing - nta cyo
next (in ref. to time) - gutaha	nothing, for - ubusa, ku busa
next day - bukeye	notice - itangazo
next month - ukwezi gutaha	notice, to - -ruzi (no infinitive)
next week - icyumweru gitaha	nourished, well - umushishe
nice - neza, -iza (mwiza, cyiza, etc.)	November - Ugushingo, ukwezi kwa cumi na kumwe
niece - umusengeneza	now - ubu
daughter of man's sister - umwishywa	right now - ubungubu, ubu nyine
night - ijoro, n'ijoro	and now - none
the night before - bucya	now and then - rimwe na rimwe
nine - icyenda	number - umubare
ninety - mirongwicyenda, mirongurwenda	nurse, to (int.) - konka
no - oya, nta, ashwi (emphatic), ashwi da!	nurse, to (tr.) - konsa
nobleman - imfura (impfura)	O
nod, to - guhunikira (sleepy)	oar - ingashyi
noise - urusaku, urwamo (voices), umuriri	obey, to - kumvira (a person) kwitondera (law, command)
noise, to make - gusakuza	observe, to - kuziririza
none - nta	obstinate, to be - kutava ku izima
nonplussed, to be - gushoberwa, kugwa mu kantu	obvious, to be - kwihandagaza
noon - ku manywa	occasionally - rimwe na rimwe

occupied, to be - guhugira	operate (medical), to - kubaga
ocean - inyanja	opportunity - uburyo
October - Ukwakira, ukwezi kwa cumi	oppose, to - kuzira
off with you! - hoshi!	oppress, to - gupyinagiza
offer, to - gutanga (as in church) offer a gift, to - gutura	oppressed (with burden), to be - gushengurwa
offering - ituro	or - cyangwa
office - ibiro	orange (fruit) - indimu ya oranji, icunga (color) - igaju
often - kenshi how often? - kangahe?	ordain, to - kurobanura
oil - amavuta	order - gahunda order that, in - kugirango
ointment, perfumed - amadahano	order, to put in - kuringaniza
old, to become - gusaza; -kuru	order, to - gutegeka
old man - umusaza, umukambwe	orderliness - gahunda
old woman - umukecuru	ordinarily - ubusanzwe
olive, wild - umunzenze	ordinary people, the - rubanda rwa giseseka
omit, to - gusiba	organization - gahunda (in sense of group) - ishyaka (e.g. U.N.)
on - ku	origin - inkomoko get one's origin from, to - gukomora
once - rimwe once upon a time there was - hāriho once and for all - byimazeyo	ornament, to - gutaka
one - -mwe	ornaments, to wear - kurimba
onion - ubutunguru (or, igi-, or, uru-)	orphan - imfubyi
only - gusa, ubusa, -nyine	other - -ndi (undi, abandi, ibindi, etc.)
open, to - gukingura, gufungura, kuzibura open (as flower), to - kurumbura open, to become - kuzibuka open the mouth, to - kwasama	ought (to have to) - kugomba, -kwiriye, kurinda
openly - ku mugaragaro openly, to speak - kwerura	our - -acu (wacu, bacu, byacu, etc.)
	out of - mu

out, to put - gusohora
out, to go - gusohoka

outside (of house) - hanze, inyuma

outside, to go - gusohoka

oven (underground, for drying bananas) -
urwina

over - hejuru ya

over and above, to be - gusaguka

over there - hariya

overcharge, to - guhenda

overcome, to - gutsinda

overflow, to - gusesekara, gusāga
overflowing, to be - gusaguka

overlook, to - kwirengagiza

oversee, to - kugenzura, guperereza

overturn, to - guhirika

owl - igihunyira

own, to - gutunga

own (one's own...) - bwite

owner of - nyira

P

pack, to - gupakira

pad, grass (to use on head for carrying load) -
ingata

paddle - ingashyi

pagan - umupagani

page - urupapuro

pail - indobo

pain - ububabare, umubabaro
pain, to have - kuribwa, kubabara

paint - irangi
paint, to - gusīga irangi

palm of hand - urushyi

palm oil - amamesa

palm tree - umukindo

pan, cooking - isafuriya

panel, solar energy - ikidasesa

pants - ipantalo

papaya - ipapayi

paper - urupapuro, urukaratasi
newspaper - akabarankuru

parable - umugani

pardon - imbabazi

parent - umubyeyi

part - igice, igika, uruhare
(esp. part received) - umugabane

part in, to have - kugira uruhare

part with, to - gutandukana

participation - uruhare

partnership - ubusābane

partridge - inkwari

party, to have - gucura urugomo

party (political) - ishyaka

pass by, to - guhita, kunyura
pass along, to - kunyura, guca
pass away, to - guhanguka

pass beyond, to - kurenga	(as perfume, etc.) - gusāba
pass the night, to - kurara	penetrate, to make - gucengeza
pass through, to - guca, kunyura	
pass through, to make - kuboneza	pension - ubwiteganirize
passage, to permit - kuberereka, kubisa	people (sense of nation) - ihanga, ishanga
passer-by - umuhisi	(crowd) - itorero
past - ibihe byashize	the people - rubanda
past, to go - kurenga	ordinary people - rubanda rwa giseseka
pasture - ubwatsi, urwuri	pepper - ipiripiri, urusenda (hot)
pasture, to - kurisha	perfect (n., adj.) - indakemwa
patch - ikiremu	perfect, to - gutunganya
path - inzira	perfect, to be - gutungana
patient, to be - kwihangana	perfume - amarashi
pay (n.) - umushahara, igihembo	perhaps - ahari, wenda, ubanza, yenda
pay, to - guhamba, gutanga	period (or comma) - akabago, akadomo, akitso
pay debt, to - kwishyura	period, to have (female) - kuba mu mugongo
pay dowry, to - gukwa	perish, to - kurimbuka
pay attention, to - kwita ku	permission - uruhushya
pay ransom, to - gucungura	permission, to ask for - gusaba uruhushya
peace - amahoro	perplex, to - kuyobera
peaceful, to be - gutuza	perplexed, to be - gushoberwa, kubunza
peak, mountain - impinga	umutima, kuyoberwa, guhera mu
peanut - ikinyobwa, akabemba	rungabangabo
peas - amashaza	persecute, to - kurenganya, gutoteza
peel, to (with knife) - guhata	persevere, to - gushishikara
(with fingers) - gutonora	person - umuntu
penalty, to make pay the - kuryoza	personnalité civile - ubuzima-gatozi
pencil - ikaramu	perspiration - icyuya
penetrate, to - kumena, gucengera	perspire, to (heavily)- kubira icyuya
	persuade, to try to - guhendahenda

pester, to - kujujubya

photograph - ifoto

photograph, to - gufotora

phrase - interuro

pick, to - gusoroma

(as corn) - guca

pick out, to - gutoranya

pick up, to - gutora

pick up here and there, to - gutoragura

picture - ishusho

picture, to take - gufotora

piece - igice

piece of something broken - igisate

pierce, to - gutobora

pig - ingurube

pigeon - inuma

pile carefully, to - kurundarunda

pile together, to - kurunda

pillage - amahugu

pillage, to - gusahura

pillow - umusego

pillow, to lie on - kwisegura

pin - umusomari, umusumari

pincher ants - intozi

pineapple - inanasi

pipe (water) - umuheha

(tobacco) - inkono y'itabi

pit - umwobo

pity - impuhwe

place - ahantu

at one place - hamwe

at some places - hamwe na hamwe

high place - ahirengeye

in the place of - ikigwi, icyimbo

place, to - guhingutsa

place above, to - kumanika

place an object, to - gutereka

place on top of, to - kugereka

place near, to - kubangikanya

placenta - ingobyi

plain (near river, lake) - ikibaya

plain, to make - kwerura

plan - integuro, umugambi, ubugenere

plans - imishinga

plan for, to - kugambirira, guteganya, kugena

plane, to - kubāza

plant - imbuto

plant, to - gutera

plant small seeds, to - kubiba

plantation - ishyamba

planter - umubibyi

plaster, to - guhoma

plate - isahane

play, to - gukina

play an instrument, to - kuvuza, gucuranga

play cow game (igisoro), to - kubuguza

playground - ikibuga

plead, to - kuburana (at court)

plead with, to - kwinginga

please, to - kunezeza, kunezereza

plunder, to - gusahura	pour, to - gusuka
pocket - umufuka, umupfuka	poverty - ubukene, umukeno (strong word), ubutindi
poet - umusizi	
poison - uburozi	powder - ifu
poke fun at, to - gucyocyora	power - imbaraga, ububasha, ubushobozi
police agent - umuporisi	power, to have - kubasha
polish, to - guhanagura	practice - umugenzo
politeness - ikinyabupfura, ubupfura	practice, to - kwitoza
political party - ishyaka	praise (n.) - ishimwe
ponder, to - kuzirikana	praise, to - gushima, guhimbaza, gusingiza, kurata
pool - ikizenga, icyuzi	pray, to - gusenga, gusaba, kwambaza Imana
poor, to be - gukena	prayer - isengesho, ishengesho
poor man (person) - umukene	preach, to - kubwiriza
poorly - nabi	precede, to - kubanziriza, gutanga
possess, to - gutunga	precursor - amendeze
possess a person, to - guhanga umuntu	pregnancy - inda
possessed by, to be - guhangwaho	
possessions - ubutunzi	pregnant, to be - gutwita
possession - ubwatsi, isambu, umutungo (money) - imari	prepare, to - gutegura
possessor of - nyira	prepare for, to - guteganya
possible, to be - gushoboka	prepare plans (projects), to - gutegura imishinga
it's possible that. . . - ubanza	present (gift) - impano
post (mail) - iposita	pretend to love, to - gukunda urumamo
pot (clay cooking) - inkono	pretty - -iza (mwiza, beza, etc.)
(cooking) - isafuriya	prevent, to - kubuza, gukoma
(small clay) - urwabya	
(water pot) - ikibindi	prey, bird of - igisiga
potato, sweet - ikijumba	price - ikiguzi, igiciro
potato, white - ikirayi	pride - ubwibone, ubwirasi

priest - umutambyi (in Bible), umusochoza-bitambo, umupadiri (Catholic)	prophecy, to - guhanura
prince - igikomangoma	prophet - umuhanuzi
principal (important) - imena	prosperity - ishya n'ihirwe
print, to - gucapa	protect, to - gukuyakuya, gukoma, kurinda
printed, to have - gucapisha	proud, to be - kwirata, kwibona
prior to - mbere	proverb - umugani
priority - uburenganzira	provocation - amakimbirane
prison - umunyororo, inzu y'imbohe	Psalms - Zaburi
prisoner - imbohe, umuyororo, imfungwa	public - rubanda
problem - ingorane	publicly - ku mugaragaro, mu ruhamwe
procrastinate, to - kwirengagiza	publish, to - kwamamaza, kogeza, kuranga
produce abundantly, to - kurumbuka	pull, to - gukurura
professor - umwarimu, umwigisha	pull out (as stakes in ground), to - gushingura
profit (increase) - inyungu (benefit) - akamaro	pull out by roots, to - kurandura
profit, to - kunguka, gucuruza	pull out of fire (water), to - kurohora
progress - amajyambere progress, to hinder - kudindiza	pumpkin - igihaza, umwungu
prohibit, to - kubuza	punctuation mark - akadomo
project - umugambi, umushinga, imishinga	punish, to - guhana
promise - isezerano	punishment - igihano
promise, to - gusezerana	pupil - umwigishwa, umunyeshuri
proof - intangamugabo, gihamya	pupil of eye - imboni
prop up, to - gushyigikira	pure, to be - kwera
property - isambu, ubukebe property father gives to son when he marries - umunani	pure, to make - kuboneza, kweza
property, personal - umwihariko	purify oneself, to - kwiboneza, kwiyeza, kwisukura
	purity of heart - (u)kwezwa
	purple - umuhengeri (rarely used)
	purpose - impamvu, intego, ubugenere

purpose, to have for (aim) - -gamiye (no inf.)

quiet, to make - guturisha, guhendahenda

purse - umufuka, umupfuko

R

pus - amashyira

rabbit - urukwavu

push, to - gusunika, kubyiga
 push away, to - guhirika
 push for, to - gutsura
 push someone, to - kwiroha
 push to end of endurance, to - kurembya

race (people) - ishyanga

rack - igitanda

rain - imvura

put, to - gushyira
 put away, to - kubika
 put clothes on, to - kwambika
 put down, to - kurambika
 put down load, to - gutura
 put in order, to - kuringaniza
 put out fire, to - kuzimya
 put out in sun, to - kwanika
 put roof on, to - gusakara
 put together, to - kubumbira,
 kubangikanya

rain, to (fine) - gutonyanga
 it's raining - imvura iragwa
 make sound of approaching rain, to - guhorera

rainbow - umukororombya

rainy season - umuhindo (Sept. - Nov.)
 itumba (Feb. - May)

raise animals, to - korora (Fr. élevage)

raise eyes (head), to - kurarama, kubura

raise from dead, to - kuzura

raise voice, to - kurangurura

ransom - incungu, inshungu

ransom, to - gucungura

rape, to - gukinda

rat - imbeba

rather (but rather) - ahubwo
 (rather than) - aho

raw - -bisi (bibisi, etc.)

reach, to - kugeza
 reach certain point of time, to - kugera

